**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**

## AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'IBIDUKIKIJE Nº ..001.. YO KU WA 04/03/24 KU RUSAKU RURENGEJE IBIPIMO

Ashingiye ku Itegeko Nº 48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 43 n'iya 53;

Ashingiye ku Itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 267;

Ashingiye ku Itegeko Nº 12ter/2014 ryo ku wa 19/05/2014 rigena imitunganyirize y'Ubukerarugendo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 12, iya 20, iya 25, iya 27, n'iya 48;

Ashingiye ku byemezo by'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 1 Kanama 2023 yemeje amabwiriza agenga imyidagaduro iba mu ijoro n'urusaku rurengeje ibipimo;

Minisitiri w'Ibidukikije ashyizeho amabwiriza akurikira mu rwego rwo gukumira urusaku rurengeje ibipimo.

### IPIMWA RY'URUSAKU

Ibipimo by'urusaku bipimwa muri desibeli (dBA) hifashishijwe igikoresho cyabugenewe gipima urusaku cyakorewe iregera n'igereranyabipimo n'Ikigo cy'Igihugu gitsura Ubuziranenge.

Ku bijyanye n'aya mabwiriza, ibipimo ni impuzandengo y'igipimo cy'urusaku rwapimwe mu gihe cy'iminota 10 ikurikirana.

Imbere mu nyubako, aho urusaku rupimirwa ni kuri metero 1,5 uhereye aho urusaku ruturuka (urugero: indangururamajwi).

Hanze y'inyubako, aho urusaku rupimirwa ni ahantu hose hegereye izo nyubako ziturukamo urusaku ndetse n'ahantu hatuwe hegereye kurusha ahandi inyubako zivamo urusaku.

### IBIPIMO BYO HEJURU BY'URUSAKU BISHOBORA KWIHANGANIRWA

Ku hantu urusaku rudashobora gusohoka ngo rugere hanze y'icyumba: dBA 95 (Hejuru y'iki gipimo, urusaku rushobora kwangiza amatwi).

Ku hantu urusaku rushobora kurenga ahabera igikorwa, mbere ya saa yine z'ijoro (urugero: mu ihema, mu busitani, ku rubaraza, mu nzu/inyubako zisohora amajwi arimo imbere): dBA 85.

Ku hantu urusaku rushobora kugera hanze y'icyumba kiberamo igikorwa: nyuma ya saa yine z'ijoro: dBA 80.

MINISTRY OF ENVIRONMENT

Ku birebana n'aya mabwiriza, ibipimo by'urusaku rwakwihanganirwa byavuzwe haruguru byubahirizwa kuva saa kumi n'imwe za mu gitondo kugeza saa yine z'ijoro (22h00) iyi saha itabariwemo, mu gihe "nyuma ya saa yine z'ijoro" bisobanura kuva saa yine z'ijoro (22h00) kugeza saa kumi n'imwe za mu gitondo (5h00), iyi saha itabariwemo.

Ibi bipimo byubahirizwa ku hantu hateranira abantu benshi n'ahantu hacungwa n'abantu ku giti cyabo, ndetse no ku bikorwa by'ubwoko bwose, uretse ahabera ibikorwa by'ubwubatsi ku manywa. Ba nyir'aho hantu cyangwa abahakoresha ni bo bafite inshingano zo kugenzura urusaku ruhaturuka kugira ngo bubahiririze aya mabwiriza.

Ku mpamvu z'inyungu rusange, inzego zibifitiye ububasha zigena ahantu hihariye nk'ahantu h'ituze, aho igipimo cy'urusaku rwo hejuru rwihanganirwa kitagomba kurenga dBA 45.

## AMARENGAYOBORA

Kubera ko u Rwanda rugizwe n'imisozi myinshi, urusaku rwubahiriza ibipimo ntarengwa byavuzwe mu bika bibanza rushobora gutuma abaturage bakomeza kwinubira urwo rusaku cyangwa bakumva badatekanye. Icyo gihe, ku hantu hihariye, inzego zibifitiye ububasha zishobora gushyiraho igipimo cyo hejuru cy'urusaku rushobora kwihanganirwa gito ugereranyije n'icyubahirizwa ahandi, cyangwa zigasaba ko hashyirwaho ibikoresho byabugenewe bigabanya urusaku cyangwa bihindura icyerekezo cy'urwo rusaku. Mu gihe hagitegerejwe ibisubizo kuri ibyo bibazo, abafite ibikorwa byubahiriza ibipimo byo hejuru by'urusaku rwakwihanganirwa ntibazacibwa ibihano.

## URUHUSHYA RUDASANZWE

Uruhushya rujyanye n'ibikorwa byo kubaka mu masaha y'ijoro rutangwa n'Umujyi wa Kigali, hanze ya Kigali rugatangwa n'Uturere.

## IYUBAHIRIZWA RY'AYA MABWIRIZA

Polisi y'Igihugu ifatanyije n'Inzego z'ibanze hamwe n'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda, izagenzura ko aya mabwiriza ashyirwa mu bikorwa mu buryo bukwiye, harimo no gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubuyobozi ndetse n'ihazabu iteganywa n'amategeko.

Aya mabwiriza atangira kubahirizwa ku munsi yashyizweho umukono.

Bikorewe i Kigali, ku wa 01/Nzeruwe/2024

**Dr Jeanne d'Arc MUJAWAMARIYA**
**Minisitiri w'Ibidukikije**